LOLC UNGUKA FINANCE

**AMASEZERANO Y'UBWISHINGIZI KU NGUZANYO N° ......./202--**

**Hagati ya**

**LOLC UNGUKA FINANCE Plc,** yanditse ku cyemezo **Nº 100500249**, yitwa muri aya masezerano **«Sosiyete »,** ihagarariwe na **----------------**, Umucungamutungo w'Ishami rya **----------------,** ku ruhande rumwe;

**Na**

| **Amazina** | **Nomero y'Indangamuntu** | **Aho yatangiwe** | **Aho batuye** | **No ya telefone** | **Muri aya masezerano kurundi ruhande bitwa** |
|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | «Umwishingizi» |
| | | | | | «Umwishingizi» |

Hashingiwe ku masezerano y'inguzanyo **N° ......../2025** ............................ yagiranye na Sosiyete kuwa **------/----/2025** , yometse kuri aya masezerano Sosiyete igiranye n'Umwishingizi;

Hashingiwe kandi ko Umwishingizi azi ibikubiye mu masezerano y'inguzanyo **N° ......../2025** bityo akaba yemeye kwishingira no kwishyura mu buryo budasubirwaho umwenda Ugurizwa asigayemo, inyungu zayo n'ibihano by'ubukererwe bikomoka ku nguzanyo yishingiye igihe cyose Ugurizwa azaba atishyuye inguzanyo yahawe ku mpamvu iyo ariyo yose;

**Impande zombi zumvikanye ku masezerano y'ubwishingizi akubiye mu ngingo zikurikira:**

**Ingingo 1: Icyo aya masezerano agamije**

Aya masezerano akozwe hagati ya Sosiyete n'Umwishingizi agamije kwishingira inguzanyo ihawe Ugurizwa no kwemeza afite ubushobozi bwo kwishyura inguzanyo yose, inyungu zayo n'ibihano by'ubukererwe mugihe atubahirije ingendabihe yo kwishyura nk'uko amasezerano y'inguzanyo abiteganya cyangwa izindi mpamvu zishobora gutuma Ugurizwa asabwa kw'ishyura inguzanyo yose mbere y'igihe amasezerano yagombaga kumara.

**<u>Ingingo ya 2</u>: Inshingano z'Umwishingizi**

Inshingano z' Umwishingizi n'izi zikurikira:

a) kwibutsa Ugurizwa kwishyura inguzanyo, inyungu n'ibihano by'ubukererwe nyuma yo kumenyeshwa na Sosiyete ko Ugurizwa atishyura ;
b) kumenyesha Sosiyete indi mitungo y'Ugurizwa itari ingwate igomba gufatirwa naho iherereye kugira ngo itarigiswa cyangwa ngo igurishwe m'uburyo bw'uburiganya bityo izavemo ubwishyu bw'inguzanyo Ugurizwa asigaje kwishyura.
c) kutivanaho cyangwa kugurisha imitungo ye igihe cyose azaba yamenyeshejwe ko uwo yishingiye atishyura neza cyangwa yananiwe kwishyura inguzanyo yahawe ;
d) kwishyura umwenda wose Ugurizwa abereyemo Sosiyete nyuma y'uko Ugurizwa yishyujwe ariko ntashobore kwishyura umwenda, inyungu zawo n'ibihano by'ubukererwe, kandi akishyura bitabaye ngombwa ko ubwishyu bubanza gushakwa mu bintu by'Ugurizwa ;
e) kwishyura amafaranga yose yakoreshejwe mu kwishyuza umwenda wahawe Ugurizwa harimo n'ayatanzwe mu mihango yo gufatira no kugurisha imitungo y'Ugurizwa n'iy'Umwishingizi.

**<u>Ingingo ya 3</u>: Inshingano za Sosiyete**

Inshingano za Sosiyete n'izi zikurikira:

a) kumenyesha Umwishingizi impinduka ku masezerano y'inguzanyo zasabwe n'Ugurizwa (harimo guhindura inyungu, igihe cyo kwishyura cyangwa igihe inguzanyo izamara, gusimbuza ingwate n'ibindi) kugira ngo azemeze mbere y'uko zishyirwa mubikorwa hagati y'Ugurizwa na Sosiyete no kwemeza ko azakomeza kubahiriza inshingano ze nk'umwishingizi kandi izo mpinduka ntizifatwe nk'amasezerano asimbura andi (novation) cyangwa avanaho ishingano z'Umwishingizi zo kwishyura umwenda uzaba uriho cyangwa inyongera yawo ;
b) guha Umwishingizi amakuru ngarukagihe agezweho ku imyishyurire y'umwenda yishingiye kugira ngo niba Ugurizwa atishyura, Umwishingizi akoreshe uburyo bwose bushoboka bwo kumwishyuza;
c) kubanza kwishyuza Ugurizwa mbere y'uko asaba Umwishingizi kwishyura.

**<u>Ingingo ya 4</u>: Impinduka kuri aya masezerano**

Aya masezerano ashobora guhinduka impande zombi zibyumvikanyeho mu nyandiko. Ntampinduka nimwe kuri aya masezerano yakubahirizwa n'uruhande urwo arirwo rwose keretse ikozwe mu nyandiko yashyizweho umukono n'impande zombi.

**<u>Ingingo ya 5</u>: Amategeko azakurikizwa n'uko impaka zizakemurwa**

Amategeko azakurikizwa mu gusesengura no mu gushyira mu bikorwa ibikubiye muri aya masezerano ni amategeko ya Repubulika y'u Rwanda. Impaka zose zavuka mu iyubahirizwa ry'aya masezerano zizakemurwa binyuze mu bwumvikane, nibidashoboka, ikibazo kizakemurwa n'inkiko zibifitiye ububasha.

**<u>Ingingo ya 6</u>: Ingingo zisoza**

**6.1.** Aya masezerano akozwe muri kopi eshatu (3), imwe ya Sosiyete, iy'Umwishingizi n'iya Noteri kandi zose zifite agaciro kamwe.

**6.2.** Umwishingizi ahawe iminsi ibiri (2) mbere yo gusinya aya masezerano kugira ngo ayasome kandi agishe inama.

**<u>Ingingo ya 7</u>: Ishyirwa mubikorwa ry'aya masezerano**

Aya masezerano atangira gushyirwa mubikorwa akimara gushyirwaho umukono n'impande zombi.

**Bikorewe i ----------, kuwa ----/----/202--**

| | |
|---|---|
| **<u>Umwishingizi</u>** | **<u>Sosiyete</u>** |
| **-------------------------** | **----------------------** |
| | **Umucungamutungo** |

**---------------------**

Nasomye/Numvise kandi nemeye ibikubiye

muri aya masezerano